REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°05/2018: **Taliki ya 11–20 Gashyantare 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Gashyantare 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Gashyantare_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu ugana mu gice cy'uburengerazuba; ikaba nkeya mu gihugu hagati, amajyepfo ndetse no mu burasirazuba
- Imvura yaguye mu mataliki ya 11-20_Gashyantare_2018 yatumye ubutaka bugumana ubuhehere mu gihugu hose cyane mu bice by'amajyaruguru ndetse n'uburengerazuba
- **21-28_Gashyantare_2018;** hazaboneka imvura nk'iyabonetse mu gice cya 2 cya Gashyantare_2018 (imvura nyinshi mu gice cy'amajyaruguru kuva mu burasirazuba ugana mu burengero bwaryo)

I. Iriburiro

Igihembwe cy'ihinga-B cyatangiye henshi mu gihugu mu mataliki y'igice cya kabiri cya Gashyantare_2018 cyerekanye imvura nyinshi ku bupimiro bwo mu gice cy'amajyaruguru cyane ku bupimiro bwa Gicumbi kurusha ahandi mu gihugu; naho mu gihugu hagati; amajyepfo ndetse n'uburasirazuba haboneka imvura nke

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Gashyantare_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Gashyantare_2018	11-20_Gashyantare
Kigali	7.7	26.7
Rusizi (Kamembe)	63.4	44.9
Rubavu (Gisenyi)	68.2	32.3
Nyamagabe (Gikongoro)	42.6	43.7
Ngoma (Kibungo)	20.2	31.7
Gicumbi (Byumba)	111.2	21.9
Musanze (Ruhengeri)	44.3	26.0
Gitega	8.3	20.9
Rubengera	23.0	32.9
Byimana	10.7	35.7
Kawangire	0.5	23.6
Nyagatare	21.6	10.8

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Gashyantare_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Mutarama_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Gashyantare_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Gashyantare



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gashyantare_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gashyantare



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Gashyantare_2018 mu buryo burambuye

Igihembwe cy'ihinga-B cyatangiye henshi mu gihugu mu mataliki y'igice cya kabiri cya Gashyantare_2018 cyerekanye imvura nyinshi ku bupimiro bwo mu gice cy'amajyaruguru cyane ku bupimiro bwa Gicumbi habonetse mm111.2 z'imvura (incuro 5 kurusha iyari isanzwe ihaboneka) kandi ikaba nyinshi cyane kurusha ubundi bupimiro bwo mu burasirazuba buhegereye kubera imisozi miremire iboneka mu majyaruguru bitandukanye n'uko uburasirazuba hateye (imirambi cyane kurusha imisozi). Tubona kandi ko mu gihugu hagati; amajyepfo ndetse n'uburasirazuba haboneka imvura nke (reba **Ikarita1&2**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Gashyantare; cyagaragaje imvura ko yabaye nyinshi mu majyepfo, cyane mu burengerazuba bw'amajyepfo hagaragaye imvura iri hejuru y'iyari isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gashyantare.2018. Igice cya mbere

Ikarita6: Gashyantare.2018. Igice cya kabiri

Mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Gashyantare_2018; amashusho y'icyogajuru akomeje kwerekana ubutaka buhehereye bitewe n'ubwiganze bw'ibicu byatumye hatabaho ubuyayuke bw'amazi ndetse n'imvura yagiye igwa muri iyo minsi 20 ishize (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Gashyantare_2018

Mu gice cya gatatu cya Gashyantare_2018; hateganyijwe imvura nk'iyabonetse mu gice cya 2 cya Gashyantare_2018 (imvura nyinshi mu gice cy'amajyaruguru kuva mu burasirazuba ugana mu burengero bwaryo)

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu gice cya gatatu Gashyantare_2018



Ikarita6: Gashyantare.2018. Igice cya gatatu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)